REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 252575813
E-mail:bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°16/2019: **Taliki:11–20 Kamena 2019**

Ryoherejwe kuwa 22 Kamena 2019

Ingingoz'ingenzi:

- **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse mu gice cya kabiri (11-20) cya Kamena 2019; cyagaragajeko imvura yaguye mu gice cy'amajyaruguru y'Intara y'Iburengerazuba ari nkisanzwe ugereranyije n'imvura isanzwe ihaboneka muri iyo minsi ahandi mu gihugu nta mvura yaguye.
- Ubuhehere bukomeje kugabanuka cyane cyane mu Ntara y'Iburasirazuba, Amajyepfo, Umujyi wa Kigali, amajyepfo y'Iburengerazuba n'igice kinini cy'Intara y'Amajyaruguru kuko nta imvura yabonetse muri ibyo bice by'igihugu.
- **Mu gice cya Kabiri (21-30) cya Kamena 2019;** hateganyijwe imvura mu minsi y'icyumweru cya mbere cy'iki gice; ikaba izagabanuka mu yindi minsi y'icyumweru cya kabiri.

I. Iriburiro

Muri 11-20 Kamena 2019; tubonako imvura yaguye mu gice cy'amajyaruguru y'Intara y'Iburengerazuba ari nkisanzwe ugereranyije n'imvura isanzwe ihaboneka muri iyo minsi ahandi mu gihugu nta mvura yaguye.

a) Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye hagati ya 11-20 Kamena 2019 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro.

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	11-20 Kanama _2019	11-20 Kana ma
Kigali	5.9	0
Rusizi	8.7	0
Rubavu	17.4	18.8
Nyamagabe	6.8	0
Ngoma	7.4	0
Gicumbi	7.9	0
Busogo	4.2	0
Bugarama	7.7	0
Musanze	7.6	0
Gitega	0.3	0
Rubengera	9.2	0
Byimana	8.7	0
Kawangire	5.9	0
Nyagatare	0.7	0

Imbonerahamwe ya1



Igishushanyo1

b) Ubusesenguzi ku mvura yaguye: ikarita zikurikira **1&2** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye hagati ya 11-20 Kamena 2019 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi.

Naho ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye hagati ya 01-10 Kamena 2019 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki.

Ikaritaya1: Imvura yaguye (mm):11-20 Kamena 2019



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa(mm):11-20_Kamena



Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm):01-10 Kamena 2019



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm):01-10 Kamena



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu mataliki ya 11-20 Kamena 2019 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yabonetse hagati y'amatariki ya 11-20 Kamena 2019; cyerekana ko imvura yaguye mu gice cy'amajyaruguru y'Intara y'Iburengerazuba ari nk'isanzwe ugereranyije n'imvura isanzwe ihaboneka muri iyo minsi (aho ku bupimiro bwa Rubavu ariho hapimwe imvura nyinshi ingana na mm18.8; reba **Imbonerahamwe1**). Ahandi mu gihugu nta mvura yaguye; naho igiteranyo cy'imvura yaguye mu gice cya mbere (taliki 01-10) cya Kamena 2019; cyagaragaje imvura yapimwe ari nyinshi ku bupimiro bwo mu Ntara y'Amajyaruguru, Amamjyepfo, Iburengerazuba ndetse n'igice cy'Amajyaruguru y'Intara y'Iburasirazuba; ahandi mu gihugu haboneka imvura nke ugereranyije n'imvura isanzwe iboneka muri iyo minsi (reba **Ikarita3&4**)

III. Ingarukaku Buhinzi

a) Ubuheherebw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Ikarita5: Kamena-2019-igiice cya mbere

Ikarita6: Kamena-2019-igice cya kabiri

Twitegereje amashusho y'icyogajuru ku buhehere bw'ubutaka mugice cya mbere cya Kamena 2019 (iminsi icumi ya mbere) ndetse n'icya kabiri Kamena 2019; dusanga ubuhehere bw'ubutaka bukomeje kugabanuka cyane cyane mu Ntara y'Iburasirazuba, Amajyepfo, Umujyi wa Kigali, amajyepfo y'Iburengerazuba n'igice kinini cy'Intara y'Amajyaruguru kuko nta imvura yabonetse muri ibyo bice by'igihugu (reba **Ikarita 5&6**).

b) Iteganyagihe ry'igice cya gatatu Kamena 2019 kuva ku itariki ya 21 kugera 30 Kamena

hateganyijwe imvura mu minsi y'icyumweru cya mbere cy'iki gice; ikaba izagabanuka mu yindi minsi y'icyumweru cya kabiri :

- Mu Mujyi wa Kigali: imvura iri ku kigero cy'isanzwe igwa (hagati ya mm 10-30)
- Intara y'Uburasirazuba: imvura nke iri ku kigero cy'isanzwe igwa (hagati ya mm 10-30)
- Intara y'Amajyepfo: imvura iri ku kigero cy'isanzwe igwa (hagati ya mm 10-30)
- Intara y'Uburengerazuba: imvura iri ku kigero cy'isanzwe igwa (hagati ya mm 10-40)
- Intara y'Amajyaruguru: imvura iri ku kigero cy'isanzwe igwa (hagati ya mm 10-40)

Ingano y'imvura (muri mm) iteganyijwe mu byumweru bibiri biri imbere:



Ikarita7: Kamena.2019 kuva taliki 21 kugeza taliki 27

Ikarita8: Kamena.2019 kuva taliki 28 kugeza Nyakanga taliki 04

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe ku risohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)